Ebola

Ebola niki?

Ebola n'icyorezo cyahitanye ibihumbi byinshi by'abantu muri Afulika y'i burengerazuba, I burasirazuba, no muri Afurika yo hagati mu myaka myinshi yashize, yakwirakwiye cyane muri Afulika y'i burengerazuba yakwirakwiye mu bihugu bine maze ihica abantu ibihumbi. Muri Repubulika iharania Demokarasi ya Congo hagaragaye ubundi bwoko bwa Ebola ariko butandukanye nubwagaragaye muri Afurika y'I burengerazuba. Kumenya iki cyorezo nuburyo wacyirinda wowe nabagenzi bawe n'ingenzi cyane. Kubera iyo mpamvu soma aya makuru maze uyasangize abandi bantu mwegeranye cyangwa muturanye. Niba iki cyorezo kitari cyagera aho utuye nibyiza kuba igifiteho amakuru kugira ngo kiramutse kije umunenye uko wacyirinda. Kurikiza inama Leta, na minisiteri y'ubuzima itanga ukuntu wakwirinda iki cyorezo nuburyo gikwirakwizwamo.

Ebola ntago iterwa n'imyuka mibi cyangwa uburozi ahubwo ni virusi ntoya cyane. Ni agakoko gato kaba imbere mu mubiri, mu maraso no muyandi matemba buzi aba mumubiri w'umuntu. Ushobora kuyanduzwa n'abantu barwaye, ibintu byakozweho n'abantu barwaye, gukora ku matungo yanduye no kurya inyama yazo. Iyi virusi yica kimwe cyakabiri cyabantu bayifite. Iki cyorezo ntamuti gufite, ariko hariho abo Imana ifasha bagakira ikoresheje abaganga n'imiti. Abashakashatsi baracyarimo gushaka umuti ariko ntago uraboneka. Dushobora kwirinda kugira ngo tutandura iyi virusi, ariko tugomba gukurikiza amabwiriza duhabwa n'abaganga.

Ibimenyetso bya Ebola ni ibihe?

Iyo umuntu amaze kwandura iyi virusi ya Ebola ashobora ibimenyetso byayo bishobora gutangira kugaragara hagati y'iminsi 2 na 21.

***Ibimenyesto byingenzi*:** Kugira umuriro (38.6°C), umutwe, kuribwa mu ngingo n'imitsi kugira ibisebe mu muhogo no gucika intege.

***Kwiyongera kwi'ibimenyetso*:** Diyare cyangwa kuruka (amasaro cyangwa ibintu by'umukara), kugira ibitashe ku ruhu,imbyiko, umwijima no kuribwa mu gifu.

***Abarwayi bamwe bagaragaza*:** Amaso atukuye, isepfu, gututira, kuvira imbre n'inyuma

Antu bandura Ebola gute?

***Bashobora kuyanduzwa n'amatungo*:** Uburyo bwihuse abantu banduramo Ebola ni gukora, kubaga, gutegura, cyangwa kurya inyama zishyamba zanduye iyi virusi.

- Ushobora kwandurira iyi virusi binyuze mu kwitema cyangwa gukora kutungo ryanduye iyi virusi.
- Iyo ukoze ku tungo rifite iyi virusi maze ukikora ku munwa, izuru, cyangwa ku maso, iyi virusi ishobora kwinjira mu mubiri wawe.
- Ushobora kwandura iyi ndwara uriye inyama mbisi, inyama zumye cyangwa binyuze mu maraso y'amatungo arwaye, maze umubiri wawe ukandura iyi virusi.
- Ntago ugomba kurya cyangwa gukora ku nyama zirwaye cyangwa itungo usanze ryapfuye rifite iyi virusi.
- Iyo ukoze cyangwa ukarya itunda ryariweho n'itungo rifite iyi virusi ushobora kwandura iyi virusi.
- Inyamaswa zandura iyi ndwara cyane ni: Inkima,inkende, ingagi, isha, impongo, imbwa, ingurube.....
- Ntago ushobora kwandurira mu nyama zihiye neza.

***Uko abantu banduzanya iyi ndwara*:** Bitangira umuntu akuye iyi virusi ku nyamaswa, maze akanduza abo mu muryango we, incuti ze, n'andi azahura nabo arwaye cyangwa abazakora ku murambo we bose.

- Iyo ukoze ku muntu urwaye Ebola ushobora kwandura Ebola.
- Iyo ukoze ku matemba buzi y'umuntu ufite Ebola ushobora kwandura Ebola.
- Amatemba buzi yose ari mu muntu urwaye Ebola ashobora kukwanduza Ebola: amaraso, icyuya, amarira, amacandwe, matembabuzi ava munda ibyara, inkari, ibirutsi.
- Virusi ya Ebola ishobora kugaragara na none mu masohoro, amatembabuzi ava mu nda ibyara y'umugore no mu nkari nyuma y'amazi atatu yo koroherwa.

- Ushobora kwandura Ebola, inshige, ibikwasi, n'inzembe zakoreshejwe n'umuntu ufite iyi virusi.
- Ushobora kwandura iyi virusi ukoze ku muntu wishwe n'iyi virusi.
- Kuhagira umuntu wapfuye ushobora kuhandurira iyi virusi.

Uko wakwirinda Ebola

- Kumenya uko yandura no kubibwira bangenzi bawe niko kuyinda nyako.
- Karaba intoki n'isabune n'amazi meza.
- Muri Congo babuzanyije kuramukanya kubera ikwirakwizwa rya Ebola ryagaragaye muri Afulika y'I burengerazuba niya majyaruguru.

- Hagarika gukorera ingendo mu gace karimo Ebola.
- Wijya mu itsinda cyangwa ahantu hateraniye abantu bafite Ebola.
- Teka inyama zishye neza, nubwo Ebola itaragera mu gace kiwanyu.
- Koresha za ga (udupfuka ntoki) birinda umuntu kwandura Ebola.
- Hindura imyenda n'inkweto nyuma yo gukora ku nyama zo mugasozi.
- Wikora cyangwa ngo wuhagire umuntu wishwe na Ebola.
- Reka umuntu wishwe na Ebola ashyingurwe n'abaganga babigenewe. umuntu wese wishwe cyangwa ukekwa ko yishwe na Ebola agomba gushyigurwa n'abantu babihuguriwe.

- Korana na Leta, abaganga, kandi ukurikize amategeko y'imigengeranire y'abantu n'amatungo yashyizweho na leta abuza urujya nuruza rw'abantu n'amatungo byanduye iyi virusi. Ikigambiriwe nukwirinda ikwirakwizwa ryiyi virusi.

Wakora iki igihe urimo gukeka ko ufite Ebola

- Senga Imana uyisabe gukira kandi uyisabe kurinda abawe.
- Irinde guhura n'abandi bantu. Saba inama abayobozi.
- Genda aho abantu bari mu kato bari. Ubihanangirize ko nibasanga ari Ebola ko ukeneye gupimwa.
- Wijya kubaganga bagihanga/abapfumu-- ntago bagufasha .
- Reka kugerageza kubika abantu mu rugo i wawe bagaragaje ibi bimenyetso keretse wahawe amabwiriza cyangwa umaze guhabwa n'abaganga ibikoresho wakwifashisha.
- Reka guhisha abayobozi uburwayi bwawe. Ibi ntago byafasha umuntu gukira, ariko bizagira ingaruka kuri wowe n'umuryango.
- Fasha abayobozi kumenya uwaba afite ibimenyetso byiyi virusi.
- Virusi ya Ebola ishobora gusuzumirwa muri Laboratwari.
- Kushyirwa mu kato, imiti abaganga binzobere batanga ishobora kongerera umuntu amahirwe yo kubaho.

Ibyiringiro byabanduye Ebola

Imana ifasha buri wese mu mwuka no mu mubiri. Imana iracyakorera mu buzima bwacu nigihe umuntu afite Ebola. Imana ishobora kunyurira mu ndwara kugira ngo idufungure amaso maze tumenye ko tuyikeneye. Nubwo Ebola yica, ibyaha byacu bizana urupfu rwo mu mwuka kandi bidutandukanya n'Imana Umuremyi. Abantu bashobora kurokora icyorezo cya Ebola babifashijwemo n'abaganga no gutabara kw'Imana. Ariko uburyo bwo kurokora urupfu rw'ibyaha ni ukugirana umubano na Yesu Kristo. Bibiliya ivuga ko ibyaha byacu bidutandukanya n'Imana (Abaroma 3.23). Ariko Imana yagaragaje urukundo idukunda igihe Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha (Abaroma 5.8). Bibiliya itubwira ko nitwatura ibyaha byacu ko Yesu ari Umwami w'ubuzima bwacu maze tukizera mu mitima yacu ko Imana yamuzuye mu bapfuye, tuzakizwa (Abaroma 10.9-10). Turiho cyangwa dupfuye byose tubikesha Imana. Ariko tuzi neza ko abapfa barizeye Umwami

Yesu babana nawe mw'ijuru. Turagusabira ngo ubone amahoro n'ibyiringiro bituruka ku kumenya Umwami Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza wawe. Kandi turimo gusenga ngo muri iri kwirakwizwa rya Ebola benshi bazafashwe n'abaganga maze bakire, maze ubuzima bwa benshi bukire. Umurwayi wa Ebola wavuwe n'abaganga agakira agomba gusubira hamwe n'abandi. Ntago bagomba kongera guhabwa akato. Kubera ubuntu bw'Imana, bongera kubaho!

Impamvu zatumye icyorezo cya Ebola gikwirakwizwa mu minsi ishize

***Rep Iharanira Demokarasi ya Congo*:** Umugore utwite wo muri Ikanamongo,mu karere ka Boende, mu ntara ya Equateur, yanduye iyi virusi ubwo yari arimo kubaga itungo rw'ishyamba umugabo we yamuzaniye. Agiye kwa muganga, yanduza abaganga n'abadogiteri kubera ko batari bazi ko ari Ebola. Uwo mugore yapfuye ku taliki ya 11/08/2014, abaganga n'abadogiteli nabo barapfuye. Ku taliki ya 11 Nzeri, abantu 62 banduye Ebola mu midugudu 4 maze 35 barapfa. Abarenga 386 bakeka ko bashobora kuba baranduye iyi virusi barimo kwitabwaho. Iyi ni incuro ya 7 icyorezo cya Ebola kigaragaaye muri Congo nyuma yo kuvumburwa bwa mbere muri iki gihugu muri 1976. Iri kwirakwizwa rya Ebola ritandukanye niryo muri Afulika yo mu burengerazuba.

***Guineya, Afurika yo mu burengerazuba*:** Iri kwirakwizwa rwatangijwe n'umwana w'imyaka 2 wapfuye kuri taliki ya 06/12/2013. maze sekuru, nyirakuru n'abashiki be bicwa niki cyorezo. Ku 07/09/2014 iki cyorezo cyari kimaze guhitana abagera kuri 557 muri i Guineya maze cyambuka no mubindi bihugu bine: Liberiya (abantu 1137 barapfuye), Sierra Leone (abantu 524 barapfuye), Nigeriya (abantu 8 barapfuye), na Senegal (umuntu 1 niwe umaze gupfa).

***Sierra Leone, Afulika y'i burengerazuba*:** Icyorezo cyageze muri Sierra Leone kubera ko umwe mubavuzi bagihanga (umupfumu) yavuze ko afite imbaraga zo gukiza iyi ndwara. Maze abantu barwaye iyi ndwara bo muri Guinea barambuka baza muri Sierra Leone kureba uyu muvuzi wa gihanga ngo abakize, maze uwo muvuzi wagihanga yandura Ebola apfa ku taliki ya 26/05/2014. Bamushyingura abagore 14 bakoze ku murambo we, maze baza kwicwa na Ebola kuva iki gihe ntago yongeye gukwirakwizwa. Ibi bigaragaza uko Satani ashobora gukoresha imyuka mibi, ubupfumu, no kuraguza kugira ngo ababaze abantu kandi yice abantu yifashishije inyigisho z'ibinyoma.

***Nigeriya*:** Umusore wo muri Nijeriya yishwe na Ebola yagiye gusura muri Liberiya. Se umubyara aza kwandura iyo ndwara maze asubira muri Nijeriya ku taliki ya 20/07/2014. Umushofeli wamukuye ku kibuga cy'indege yaje kwandura iyi virusi maze arapfa, abaganga bamuvuye nabo barapfuye.

Copyright © September 2014 Equip Disciples http://equipdisciples.org/ebola